REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2017

**10 Gashyantare 2017**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,4% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2017 ugereranyije na Mutarama 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 7,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 7,4% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,3%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2017 na Mutarama 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 5,5 %.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2016) ibiciro byagabanutseho 0.4%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byagabanutseho 1,4% .

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 14,5% ugereranyije na Mutarama 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 13,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 14,5% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 23,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 55,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) n'ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2016) ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 5,2%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 12,0% ugereranyije na Mutarama 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi n’abiri (Ukuboza 2016) byiyongereyeho 11,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 12,0% mu kwezi kwa Mutarama 2017 ni ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 21,9% n’ibiciro by’ibijyanye n’u uburezi byazamutseho 26,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2017) n’ukwezi kwa cumi n’abiri (Ukuboza 2016) ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n’igabanuka ry’ ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,6% n’ibiciro by’amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n’ibindi bicanwa byagabanutseho 2,9%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2016 kugeza muri Mutarama 2017.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2016 kugeza muri Mutarama 2017**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2016 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 2017 01 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 4,5 | 4,4 | 4,6 | 4,7 | 4,6 | 5,5 | 6,9 | 6,4 | 5,8 | 7,4 | 6,4 | 7,3 | 7,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 7,7 | 7,1 | 6,5 | 4,3 | 4,3 | 6,7 | 8,3 | 8,1 | 8,3 | 10,0 | 10,6 | 13,0 | 14,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 6,6 | 6,1 | 5,8 | 4,4 | 4,4 | 6,3 | 7,8 | 7,5 | 7,4 | 9,1 | 9,1 | 11,0 | 12,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,5 | 0,4 | 0,9 | 0,8 | 0,5 | 0,9 | 1,1 | 0,5 | 0,5 | 1,4 | 0,1 | 0,3 | -0,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -1,5 | 0,8 | 1,9 | 0,6 | -0,2 | 1,1 | 1,4 | 1,9 | 2,3 | 4,0 | 0,7 | -0,5 | -0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -1,2 | 0,7 | 1,6 | 0,7 | 0,0 | 1,0 | 1,3 | 1,4 | 1,7 | 3,1 | 0,5 | -0,2 | -0,3 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR;
yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

SIBOMANA Oscar, Ag. Director of Economic Statistics Department, NISR;
oscar.sibomana@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw